No 262
Ukwakira
2025

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY-IGUHUGU NYUNGURANABITEKERE-ZO RY'IMITWE YA POLITIKI YAGA-NIRIYE KURI POLITIKI Y'IMIBA-NIRE Y'U RWANDA N'AMAHANGA




Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye tariki ya 18 Nzeri 2025, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro Depite MUKABUNANI Christine. Inama yabereye ku cyicaro cy'Ihuriro ku Kacyiru, mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.



Muri iyi nama, abayobozi b'Imitwe ya politiki bagejejweho ikiganiro ku "**Imibanire y'u Rwanda n'amahanga muri iki gihe** "; cyatanzwe na Minisitiri w'ububanyi n'amahanga n'ubutwererane **Ambasaderi NDUHUNGIREHE Olivier Jean Patrick**.




Muri iki kiganiro, Minisitiri w'ububanyi n'amahanga n'ubutwererane **Ambasaderi NDUHUNGIREHE Olivier Jean Patrick** yavuze ko imibanire y'u Rwanda n'amahanga ari myiza, tukaba tuyikesha Ubuyobozi bwiza, ku isonga Nyakubahwa Perezida wa Repubulika KAGAME Paul. Yagaragaje ko n'ibindi bihugu byinshi bibona ko iyo mibanire ari myiza bitewe n'ibikorwa byivugira bigaragarira amahanga, haba mu kubungabunga amahoro hirya no hino muri Afurika haba no mu guteza imbere ubukungu. U Rwanda rukaba rwarahisemo guteza imbere dipolomasi ishingiye ku bukungu (economic diplomacy).

Yagaragaje ko mu Karere u Rwanda ruherereyemo, uwo mubano n'Ibihugu by'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) ari mwiza, uretse ku bihugu bimwe na bimwe nabyo bifite impamvu zabyo ariko u Rwanda rwo rukaba rugaragaza ubushake bwo kubana neza na buri gihugu gituranyi.

Ku birebana n'intambara mu burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (DCR), yavuze ko mu rwego rwo gushaka amahoro, hari amasezerano yasinyiwe i Washington muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika agamije gukemura ikibazo cy'umutekano u Rwanda rufitanye na DRC. Icyo kibazo kikaba gishingiye kuri FDLR iteza umutekano mucye mu burasirazuba bwa DRC kandi iki Gihugu kikaba kiyishyigikira. U Rwanda rukaba rugaragaza ko FDLR ikwiye kurandurwa burundu muri DRC, bityo narwo rukabona gukuraho ingamba z'ubwirinzi rwashyizeho. Yavuze ko imbogamizi ikomeye ihari ari uko DRC itigeze yubahiriza ayo masezerano, ikaba ahubwo yarazanye abandi bacanshuro, yongera abasilikare b'abarundi, hari kandi ikibazo cy'imvugo zisebya u Rwanda n'abayobozi barwo.

U Rwanda rwemera ko nta bundi buryo bwabaho bwo kurandura ibibazo by'umutekano mucye muri DRC bitanyuze mu biganiro bihuza impande zose. Kandi ayo masezerano akaba anareba iby'ubukungu nk'uko n'ubundi bayasinye.

Ku birebana n'imibanire n'u Burundi, u Rwanda ruhora rugaragaza ubushake bwo kubana neza n'iki Gihugu. Hakaba hari icyizere ko umubano w'u Rwanda n'u Burundi uzakomeza kuba mwiza. Naho ku birebana n'umubano w'u Rwanda na Tanzaniya, uwo mubano umeze neza, mu minsi yashize hasinywe amasezerano yo mu rwego rw'ubukungu.

Ku birebana n'imibanire n'ibindi bihugu by'amahanga, Minisitiri yavuze ko kubana n'ibihugu by'Uburayi n'Amerika y'Amajyaruguru, nta kibazo u Rwanda rubifiteho, ariko gufata Abanyarwanda nkaho bakiri mu bihe bya gikoloni u Rwanda rutabyemera.

Ku birebana n'ubutwererane n'imiryango mpuzamahanga, yavuze ko buhagaze neza haba mu muryango wa Commonwealth, Francophonie, ndetse no mu bikorwa byo kubungabunga amahoro ku isi (peacekeeping) nabyo biragenda neza kuko u Rwanda rufite ingabo zifatanya n'iz'ibindi mu bihugu kugarura amahoro hirya no hino (nko muri Centre Africa, Soudan, Mozambique).

Yagarutse ku kibazo cy'Umuryango mpuzamahanga (United Nations - UN) wari mu Rwanda mu 1994, igihe habaga jenoside yakorewe Abatutsi, ariko ntugire icyo ukora ngo uyihagarike cyangwa utabare Abatutsi bicwaga, ahubwo ugahitamo gucyura ingabo zawo zikava mu Rwanda. Bikaba bigaragaza ko nta masomo bakuye ku byabaye mu Rwanda. Ibi bikaba bishimangirwa n'uko MONUSCO ishinzwe kurwanya FDLR, ariko ikaba itarabikora, ahubwo ugasanga isa n'aho ibogamiye ku byo DRC ikora. Umuryango w'Abibumbye wafunze amaso ku buryo bugaragara kuko ntacyo ukora ku bwicanyi bukorerwa abanyekongo bavuga ururimi rw'ikinyarwanda.

Ku birebana n'ikibazo cya Ingabire Victoire wasabiwe n'Inteko Ishinga Amategeko y'Ubumwe bw'Iburayi, kurekurwa byihuse, Minisitiri Nduhungirehe, yavuze ko ibyo bifatwa nk'agasuzuguro, kuko batigeze babaza abahagarariye u Rwanda ku birebana n'icyo kibazo.

## INAMA RUSANGE YASHYIZEHO ABAGIZE BIRO Y'IHURIRO



Buri mezi atandatu(6), Inama Rusange y'Ihuriro ishyiraho abagize Biro y'Ihuriro. Akaba ari muri urwo rwego Inama Rusange y'Ihuriro yateranye tariki ya 18 Nzeri 2025 yashyizeho abagize Biro y'Ihuriro, batowe ku buryo bukurikira: **Depite MUZANA Alice** uturuka mu Mutwe wa Politiki PSD yatorewe kuba Umuvugizi w'Ihuriro asimbura Depite

MUKABUNANI Christine wo mu Mutwe wa Politiki PS Imberakuri, naho **Bwana NSENGIYUMVA Dieudonné,** uturuka mu Mutwe wa Politiki PPC yatorewe kuba Umuvugizi Wunjirije w'Ihuriro yasimbuye Depite Dr RUTEBUKA Balinda wo mu Mutwe wa Politiki PL. Bashimye icyizere Inama Rusange yabagiriye, bavuga ko bazakorana umurava kugira ngo ibikorwa by'Ihuriro bizakomeze gutera imbere.

## IMITWE YA POLITIKI IGIZE IHURIRO YAGANIRIYE K'URUHARE RWAYO MU KWIMAKAZA IMIYOBORERE MYIZA, GUKORERA MU MUCYO NO KUBAZWA INSHINGANO



Tariki ya 30 Nzeri 2025, ku bufatanye bw'Ihuriro na RGB habaye inama nyunguranabitekerezo yaganiriye ku uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu kwimakaza imiyoborere myiza, gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano. Inama yabereye muri Hotel Lemigo mu Mujyi wa Kigali.




Batangiza iyi nama, Umuvugizi w'Ihuriro, **Depite MUZANA Alice**, hamwe n'Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB), **Dr UWICYEZA Doris Picard**, bagaragaje ko u Rwanda rwahisemo kugendera ku miyoborere myiza ituma abenegihugu bose bagira uruhare mu buzima bw'Igihugu.

Iyo miyoborere myiza y'u Rwanda ikaba ishingiye ku muturage; iterambere ry'Igihugu rikaba ariwe rishingiraho. Bagaragaje ko imwe mu nshingano rusange z'Imitwe ya Politiki ari ukuba umuhuza hagati ya Leta n'abaturage. Abaturage bakabona ko Imitwe Politiki ibakorera. Basobanuye ko muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka itanu (2024/2029), u Rwanda rwihaye intego yo gukomeza gusigasira no kunoza ibyiza dukesha imiyoborere myiza Igihugu kigenda kigeraho kugira ngo birusheho gushyigikira iterambere rirambye kandi rihuriweho n'abanyarwanda bose.

Bashingiye ku bushakashatsi bukorwa na RGB, bagaragaje ko inkingi yo kurwanya ruswa, gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano yagize amanota 86.65% mu gihe mu mwaka wabanje iyo nkingi yari yagize amanota 88.97%. Bavuga ko bikwiye ko Imitwe ya Politiki iganira kuri iyi ngingo kugira ngo igaragaze uruhare rwayo mu gukomeza gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano mu Mitwe ya Politiki.

Bibukije ko Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki bo mu Rwanda, basabwa buri gihe kuba intangarugero mu gukorera mu mucyo, no gucunga neza ibyo bashinzwe, kuko iyo batabikoze neza, bashobora kubibazwa hashingiwe ku mategeko agenga Imitwe ya politiki n'abanyapolitiki. Bagaragaje ko kuba u Rwanda rwarahisemo kugendera ku Mitwe ya Politiki myinshi ari ugushimangira amahame ya demokarasi yo kugendera ku bitekerezo bya politiki binyuranye. Kuba iyo Mitwe ya Politiki



ihurira hamwe ikaganira ku miyoborere y'Igihugu, ari amahitamo y'Abanyarwanda tugomba gukomeza guteza imbere.

Mu kiganiro cy'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) cyatanzwe na Madamu Kazayire Judith, yagaragaje ko imiyoborere u Rwanda rwahisemo, ari:

- Imiyoborere izana impinduka;
- Igateza imbere Ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda;
- Ikaba ishingiye ku muturage;
- Igashyira imbere ihame ryo gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano;
- Imiyoborere ishyira imbere ubufatanye n'imikoranire y'Inzego zose mu Gihugu.

Yerekanye **ikigero cy'uko amahame y'imiyoborere yubahirizwa** nk'uko byagaragajwe n'ubushakashatsi RGB yakoze mu mwaka wa 2024 (RGS 2024). Ubwo bushakashatsi bugaragaza ko kubahiriza uburenganzira bwa muntu byagize amanota 87.2%; kurwanya no gukumira ingengabitekerezo ya Jenoside, byagize amanota 94.8%; kurwanya ivangura iryo ari ryo ryose (94.1%); kubahiriza amategeko (88.7%); gukorera mu mucyo (84.3%); kubazwa inshingano ku bayobozi (87.1%); kurwanya ruswa n'akarengane (79.6%).

**Ku birebana n'ibipimo by'amahame ya demokarasi,** ubushakashatsi bwagaragaje ko gukora amatora anyuze mu mucyo no mu bwisanzure byagize amanota 95.5%; ubwisanzure mu bitekerezo, bigira 90.1%; ubwisanzure bwo kujya mu Mutwe wa Politiki (81.1%); naho guteza imbere ihame ry'uburinganire, bikaba byaragize amanota 77.6%.

**Ku birebana n'uburyo abaturage babona Imitwe ya Politiki mu guteza imbere imiyoborere myiza mu Rwanda**, ubushakashatsi bwakozwe na RGB, bugaragaza ko mu mwaka wa 2024, abaturage bagera kuri 67.40% bashimye imikorere y'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere imiyoborere myiza, naho abagera kuri 26.71% bagaragaza ko batazi imikorere y'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere imiyoborere myiza mu Rwanda.




Mu kiganiro cy'Urwego rw'Umuvunyi, cyatanzwe na Madamu Mwiseneza Jeanne d'Arc, yagaragaje ko Intego y'u Rwanda mu Cyerekezo 2050, ari uko u Rwanda rwifuza kuba Igihugu cya mbere ku Isi mu kurwanya ruswa. Rukaba rwariyemeje kugabanya ku buryo bugaragara ruswa n'ibikorwa byose igaragaramo. U Rwanda rwiyemeje kurwanya ruswa, gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano ku buryo ibipimo by'izo ngamba bikomeza kuzamuka buri mwaka.

Madamu Mwiseneza yakomeje avuga ko Leta y'u Rwanda ishaka ko umuturage agomba guhora ku isonga. Gukemura ibibazo by'abaturage bigakorwa ku gihe, ku buryo igipimo cy'uko abaturage bishimira serivisi bahabwa kizarenga 90%. Inzego zose zisabwa gutanga serivisi nziza. U Rwanda rugakomeza kuba igihugu kigendera ku mategeko n'imiyoborere myiza.

Hasobanuwe ko gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano byuzuzanya kugira ngo bishobore gutanga umusaruro. Gukorera mu mucyo ni uburyo bugaragara kandi busobanutse bw'imicungire y'ibya rubanda, hakaba hari raporo isobanura ibyakozwe kandi amakuru akagerwaho ku buryo bworoshye.

Abitabiriye inama biyemeje gukomeza gukorera mu mucyo no guteza imbere imiyoborere myiza.